

REVISION DU 18/1/1996 DE LA LOI FONDAMENTALE (J.O., 1996, n° 3 du 1er février 1996)

IVUGURURWA RYO KUWA 18/1/1996 RY'IETEGEKO SHINGIRO (Igazeti ya Repubulika y'u Rwanda, 1996, n°3 yo kuwa mbere Gashyantare 1996)

L'Assemblée Nationale de transition, réunie en constituante en sa séance du 12 janvier 1996.

Inteko Ishinga amategeko y'inzibacyuho, iteranye mu nama yayo yo kuvugurura Itegeko-shingiro yo kuwa 12 Mutarama 1996.

Considérant l'urgence de mettre en place le pouvoir judiciaire et de sauvegarder son indépendance telle que garantie par la Loi Fondamentale;

Imaze kubona ko byihutirwa gushyiraho inzego z'ubucamanza no kubahiriza ubwisanzure bwazo nk'uko biteganywa n'Itegeko-Shingiro;

Soucieuse d'instaurer les mécanismes pouvant assurer une justice équitable aux militaires et à leurs complices;

Igamije gushyiraho ibyangombwa byatuma habaho ubutabera nyabwo ku basirikare n'abataribo bafatanyaga gukora ibyaha;

Convaincue de la nécessité d'adapter certaines dispositions de la Loi Fondamentale à la situation réelle du pays après le génocide et les massacres;

Imaze kubona ko ari ngombwa guhuza ingingo zimwe na zimwe z'Itegeko-Shingiro n'ibihe Igihugu kirimo byatewe n'itsembabwoko n'itsembatsemba;

Vu la Loi Fondamentale, spécialement en son article 19 du Protocole d'Accord du 3 août 1993 sur les questions diverses et dispositions finales;

Ishingiye ku Itegeko-Shingiro cyane cyane ku ngingo ya 19 yo mu Masezerano yo kuwa 3 Kanama 1993 yerekeye ibibazo binyuranye n'ingingo zisoza;

Revu les articles 31 et 38 du Protocole d'Accord du 30 octobre 1992 sur le Partage du Pouvoir;

Isubiye ku ngingo za 31 na 38 z'Amasezerano yo kuwa 30 Ukwakira 1992 yerekeye Igabana ry'Ubutegetsi;

Revu les articles 49 et 140 du Protocole d'Accord du 03 août 1993 sur l'intégration des forces armées des deux parties;

Isubiye ku ngingo za 49 na 140 z'Amasezerano yo kuwa 03 Kanama 1993 yerekeranye no guhuza ingabo z'impande zombi;

Revu l'article 25 du Protocole d'Accord du 09 juin 1993 sur le rapatriement des réfugiés rwandais et la réinstallation des personnes déplacées;

Isubiye ku ngingo ya 25 y'Amasezerano yo kuwa 09 Kamena 1993 yerekeye itahuka ry'impunzi no gusubiza mu byabo ababivanywemo n'intambara;

Revu la Constitution du 10 juin 1991, spécialement en ses articles 4 et 12;

Isubiye ku Itegeko-Nshinga ryo kuwa 10 Kamena 1991 cyane cyane mu ngingo yaryo ya 4 n'ya 12;

ADOPTE:

1.- L'article 31 du Protocole d'Accord sur le partage du pouvoir est complété par un deuxième alinéa libellé comme suit: "toutefois, pendant une période transitoire, il pourra être dérogé, pour les Magistrats de la Cour d'Appel autres que le Président, à la condition énoncée à l'alinéa précédent. Une loi déterminera la durée de cette période".

2. - Afin de permettre la tenue du premier Conseil Supérieur de la Magistrature, l'article 38 du Protocole d'Accord du 30 octobre 1992 sur le Partage du Pouvoir est complété comme suit:

- Le Président de la Cour Suprême nomme quatorze autres membres du premier Conseil Supérieur de la Magistrature désignés par consensus par le Président et les Vice-Présidents de la Cour Suprême;

- S'il en est besoin, le Président de la Cour Suprême nomme aux fonctions de magistrats les personnes devant faire partie du premier Conseil Supérieur de la Magistrature après leur désignation par consensus par le Président et les Vice-Présidents de la Cour Suprême.

3.- L'alinéa premier de l'article 49 du Protocole d'Accord sur l'intégration des forces armées des deux parties est modifiée et complété comme suit:

Les juridictions militaires sont compétentes pour juger les infractions prévues par les lois pénales commises par les militaires ainsi que par leurs complices non-militaires. Elles peuvent connaître des actions civiles poursuivies en même temps que l'action publique.

YEMEJE:

1.- Ingingo ya 31 y'Amasezerano y'Amahoro ya Arusha mu gice cyerekeranye n'igabana ry'ubutegetsi yujujwe n'igika cya kabiri giteye gitya: "Nyamara mu gihe cy'agateganyo, uretse ku mwanya wa Perezida, hashobora kutubahirizwa ibisabwa mu gika cya mbere kugirango umuntu ashobore kuba umucamanza mu Rukiko rw'Ubujurire. Itegeko rigena uko icyo gihe cy'agateganyo kingana".

2. - Kugira ngo Inama Nkuru y'Ubucamanza ya mbere ishobore guterana, ingingo ya 38 y'amasezerano y'Amahoro ya Arusha yo kuwa 30 Ukwakira 1992 yerekeye Igabana ry'Ubutegetsi yujujwe itya:

- Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga ashiraho abandi bacamanza cumi na bane b'Inama Nkuru y'Ubucamanza ya mbere batoranyijwe ku buryo bwumvikanyweho na Perezida na ba visi-Perezida b'Urukiko rw'Ikirenga.

- Biramutse bibabaye ngombwa, Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga niwe ushyira ku murimo w'ubucamanza abantu bagomba kugira Inama Nkuru y'Ubucamanza ya mbere bamaze kubyumvikanaho na Perezida na ba Visi-Perezida b'Urukiko rw'Ikirenga.

3.- Igika cya mbere cy'ingingo ya 49 y'amasezerano ya Arusha mu gice cyerekeye guhuza ingabo z'impande zombi gihinduwe kandi cyujujwe ku buryo bukurikira:

Inkiko za gisirikare zifite ububasha bwo kuburanisha Ingabo z'Igihugu kimwe n'abatari bo bafatanyije nabo gukora ibyaha biteganywa n'amategeko nshinja-byaha. Zishobora kandi kuburanishiriza icyarimwe ibirego by'indishyi n'urubanza rw'inshinja-byaha.

4. - L'alinéa 3 de l'article 49 du Protocole sur l'intégration des forces armées des deux parties est modifié et complété comme suit:

“La Cour de Cassation connaît de l'appel des arrêts rendus au premier degré par la Cour Militaire. Elle juge au pénal et au premier degré le président et le Vice-Président du Haut Conseil de Commandement de l'armée, les Officiers Généraux, les magistrats de la Cour Militaire, les magistrats de l'auditorat militaire général ainsi que leurs complices. En appel, ils sont jugés par la Cour Suprême dans les formes prescrites par l'article 27 du Protocole d'Accord sur le partage du pouvoir”.

5.- L'alinéa premier de l'article 140 du Protocole d'Accord sur l'intégration des forces armées des deux parties est modifié et complété comme suit:

“La Cour de Cassation connaît de l'appel des arrêts rendus au premier degré par la Cour Militaire. Elle juge au pénal et au premier degré le Président et le Vice-Président du Conseil de Commandement de la Gendarmerie Nationale, les Officiers Généraux, les magistrats de l'auditorat militaire général, les magistrats de la Cour Militaire ainsi que leurs complices. En appel, ils sont jugés par la Cour Suprême dans les formes prescrites par l'article 27 du Protocole d'Accord sur le partage du Pouvoir”.

6. - Le 2ème alinéa de l'article 12 de la Constitution du 10 juin 1991 est complété comme suit: Toutefois, la loi peut déroger, dans la stricte mesure où la situation l'exige, aux dispositions du présent alinéa, dans le cas où un danger public exceptionnel menace

4.- Igika cya 3 cy'ingingo ya 49 y'Amasezeranoya Arusha mu gice cyerekeranye no guhuza ingabo z'impande zombi gihinduwe cyandi cyujujwe gutya:

“Urukiko rusesa Imanza ruburanisha mu rwego rw'ubujurire imanza zaciwe n'urukiko rukuru rwa gisirikare. Ruburanisha bwa mbere imanza z'ibyaha byakozwe na Perezida na Visi-Perezida b'inama nkuru y'ubuyobozi bw'ingabo z'igihugu, ba Ofisiye bo mu rwego rwa Jenerali, abashinja-cyaha bo muri Pariki Nkuru ya gisirikari, abacamanza bo mu Rukiko rukuru rwa gisirikari n'abo bafatanije gukora ibyaha. Mu bujurire baburanira mu Rukiko rw'Ikirenga hakurikijwe ibiteganywa n'ingingo ya 27 y'amasezerano ya Arusha mu gice cyerekeranye n'igabana ry'ubutegets”.

5. - Igika cya mbere cy'ingingo y'i 140 cy'Amasezerano y'Amahoro ya Arusha mu gice cyerekeranye no guhuza ingabo z'impande zombi gihinduwe kandi cyujujwe gutya:

“Urukiko Rusesa Imanza ruburanisha mu rwego rw'ubujurire imanza zaciwe n'Urukiko Rukuru rwa Gisirikari. Ruburanisha bwa mbere imanza z'ibyaha byakozwe na Perezida na Visi-Perezida b'Inama y'Ubuyobozi ya Jandarumori y'Igihugu, ba Ofisiye bo rwego rwa Jenerali, abashinja-cyaha bo muri Pariki Nkuru ya gisirikari, abacamanza bo mu Rukiko rukuru rwa Gisirikari n'abo bafatanije gukora ibyaha. Mu bujurire, baburanira mu Rukiko rw'Ikirenga hakurikijwe ibiteganywa n'ingingo ya 27 y'Amasezerano y'Amahoro ya Arusha mu gice cyerekeranye n'igabana ry'ubutegets”

6. -Igika cya 2 cy'ingingo ya 12 y'Itegeko Nshinga ryo kuwa 10 Kamena 1991 cyujujwe ku buryo bukurikira: “Nyamara, mu bihe bidanzwe by'amage byugarije Igihugu, mu gihe kandi ari ngombwa koko, hashobora kutubahirizwa ibiteganywa n'iki gika

l'existence de la nation”.

“Le 3ème alinéa du même article est suivi d'un 4ème alinéa ainsi libellé: “les actes ou omissions qui n'étaient pas punissables au moment où ils ont été commis, peuvent être poursuivis et jugés s'ils étaient tenus pour criminels d'après les principes généraux de droit reconnus par l'ensemble des Nations”.

7. - L'article 4 de la Constitution du 10 juin 1991 est modifié comme suit:

“La langue nationale est le Kinyarwanda. Les langues officielles sont le Kinyarwanda, le Français et l'Anglais”.

8. - L'article 25 du Protocole d'Accord du 09 juin 1993 sur le rapatriement des réfugiés rwandais et la réinstallation des personnes déplacées est abrogé.

9.- La présente révision de la Loi Fondamentale entre en vigueur le jour de sa promulgation par le Président de la République.

Kigali, le 18/01/1996

hakoreshejwe itegeko”.

Igika cya 3 cy'iyi ngingo gikurikiwe n'igika cya 4 giteye gitya: “Ibikorwa bitahanwaga n'amategeko y'Igihugu byakorwaga, bishobora gukurikiranwa mu nkiko iyo, igihe byakorwaga, amahame rusange y'amategeko yemewe n'amahanga yabifataga nk'ibyaha”.

7. -Ingingo ya 4 y'Itegeko-Nshinga ryo kuwa 10 Kamena 1991 ihinduwe itya:

“Ururimi rw'Igihugu ni Ikinyarwanda. Indimi zikoreshwa mu butegetsi n'Ikinyarwanda, Igifaransa n'Icyongereza”.

8. -Ingingo ya 25 y'Amasezerano yo kuwa 09 Kamena 1993 yerekeye itahuka ry'impunzi z'abanyarwanda no gushyirwa mu byabo ababivanywemo n'intambara ivanyweho.

9.- Iri vugururwa ry'Itegeko-Shingiro ritangira gukurikizwa ku munsiri ritangarijweho na Perezida wa Repubulika.

Kigali, ku wa 18/01/1996